**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**

**<u>KARONGI</u>**

# <u>ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA.</u>

**Umwaka w'ibuhumbi bibiri na cumi na karindwi, umunsi wa ...07., ukwezi k'Ugushyingo.**

Twebwe **KANYARUKIGA Jacques**, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa KARONGI
Dufashijwe na **MANIRARORA Louise** umwanditsi warwo ;

Tumaze kubona ko kuwa **07/06/2017** Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Karongi bwaregeye uru Rukiko dosiye **00110/IPRL KARO/2017/EM/FM** buregamo **NSENGIMANA Uziel**, icyaha cyo gusambanya umwana, dosiye muri uru Rukiko ikandikwa mu gitabo cy'ibirego kuri **RP 00104/2017/TGI/KNG** ;

Tumaze kubona ko uwitwa **NSENGIMANA Uziel mwene NIKOBAHOZE Isaac na Rachel, wavutse mu mwaka wa 1974, utuye mu mudugudu wa -,** mu Kagali ka **GACACA**, Umurenge wa **RUBENGERA,** Akarere ka **KARONGI**, Intara **y'Iburengerazuba**, atigeze afatwa ndetse ngo anabazwe ku birebana n'icyaha akurikiranyweho, ahubwo akaba yaratorotse ubutabera.

Tumaze kubona ko **NSENGIMANA Uziel** adafite aho abarizwa hazwi kandi akaba agomba kuburanishwa.

Dushingiye ku ngingo ya 212 n' iya 213 z'itegeko nomero 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha nk'uko ryavuguruwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu ;

Dutegetse ko **NSENGIMANA Uziel** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi kuwa **<u>09/01/2018</u>** saa mbili za mu gitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba hagafatwa ko yasuzuguye amategeko.

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru **imvaho nshya** mu gihe cy'iminsi umunanu (8 jours) kandi kikamanikwa ku biro by'Akagali ka **GACACA**, ku biro by'Umurenge wa **RUBENGERA** no ku biro by'Akarere ka **KARONGI**.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuva umunsi cyafashweho.

Bikorewe i Karongi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**KANYARUKIGA Jacques**
**Umucamanza**

**MANIRARORA Louise**
**Umwanditsi**